**IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA/ INTUMWA NKURU YA LETA MU MUHANGO WO GUSHYINGURA MU CYUBAHIRO IMIBIRI Y'ABAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994, MU RWIBUTSO RWA JENOSIDE RWA CYANIKA/NYAMAGABE.**

***Cyanika, Tariki ya 12 Ukwakira 2019***

Bayobozi batandukanye muteraniye hano ;

Abahagarariye imiryango y'ababuze ababo uyu munsi dushyingura ; ndetse n'abandi mwaje kwifatanya natwe muri iki gikorwa ;

Mbere na mbere ndabanza kwihanganisha no gukomeza abashyingura ababo uyu munsi biciwe hano mu Cyanika urw'agashinyaguro ; hakaba hongeye kuboneka imibiri 104 imaze imyaka irenga makumyabiri n'itanu (25) Jenoside ihagaritswe. Ni igikorwa cy'akababaro kuri twese, kuko duhora twizera ko gushyingura twabirangije, ariko kenshi tukongera kubona imibiri y'abacu, ariyo mpamvu mbakomeje.

Ndashimira umwana w'umukobwa, Dusabemariya Alfonsina, w'imyaka makumyabiri n'ine (24) wabonye iyi mibiri ariho ahingira abapadiri, akagira ubutwari bwo kuyerekana mu gihe abari baramubanjirije guhinga muri iyo sambu mu myaka 25 ishize bo bicecekeye bagakomeza kubarenzaho igitaka. Nta wabeshya ko muri iyi myaka 25 mu bantu bahinze muri uriya murima, habuze n'umwe umenya ko iriya mibiri ihari, ariko akabiceceka. Kuba umuntu muto ariwe wabavuyemo akerekana imibiri, ni ikimenyetso gitanga icyizere cy'u Rwanda, cyerekana impinduka mu myumvire myiza iri mu rubyiruko twese tugomba kwigiraho no gushyigikira. Ariko ubwabyo ni ikintu kibabaje cyane kubona imyaka 25 ishira hari imibiri y'absihwe muri Jenoside iri gusa kuri metero zitarenze 5 ku muryango wa Kiliziya abakristu basengeramo buri cyumweru. Ni ibintu bibabaje ndetse bikwiye gutuma abayisengeramo bazi ibintu nk'ibi bakabyihorera, bameye ko uretse natwe ubwacu tubagaya, ni Imana basenga irabagaya, kandi niba bayemera izabibabaza.

Ndashimira kandi inzego zose z'ubuyobozi zakoranye bya hafi kugira ngo iyi mibiri ivanwe mu butaka vuba, itunganywe mu gihe gito kandi ibashe gushyingurwa ; cyane cyane Akarere ka Nyamagabe, Inzego z'Umutekano, Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG) kimwe n'umuryango IBUKA bafatanyije mu gutegura iki gikorwa.

Ndashimira abafashe amagambo bose uyu munsi, bagatanga ubutumwa butandukanye, harimo ikiganiro cyagaragaje amateka ya kera yaranze Cyanika by'umwihariko, amateka benshi tutari tuzi, ariko y'ingirakamaro adufasha kumva uburyo jenoside yakorewe Abatutsi n'ingengabitekerezo yayo bifite amateka maremare kandi hakaba hari Uturere yagiye yibasira kurusha ahandi harimo na hano mu Cyanika. Aya mateka tujye tuyumva tuyazirikane adufashe kumva aho twavuye n'inshingano dufite yo gushyigikira ibyo u Rwanda rumaze kubaka.

Ndashima ubuhamya bwatanzwe na Venuste Kanamugire, warokokeye hano mu Cyanika, akaba ari na perezida wa IBUKA mu Murenge wa Cyanika. Venuste mu buhamyua bwe yadusangije akaga Abatutsi bahuye nako agaruka ku kwinangira kwa bamwe banga gutanga amakuru y'aho bataye imibiri y'abatutsi bishe muri jenoside, kandi bavuga ko bihannye bakemera uruhare rwabo muri jenoside, bakagabanyirizwa ibihano, bagasubizwa mu muryango nyarwanda, yemwe bakaba bari no mu Ihuriro ry'ubumwe n'ubwiyunge rya Cyanika rihuza abacitse ku icumu n'abakoze jenoside bakirega bakemera icyaha.

Ubundi abagize iri Huriro ry'ubumwe n'ubwiyunge rya hano mu Cyanika bagombye kuba aribo baba ku isonga yo kubwiza ukuri abo biciye abantu kugira ngo nyine bagaragaze ko hari aho bavuye habi n'aho bamaze kugera heza ho kwakira amateka y'ubwicanyi bashowemo na Leta mbi ndetse no kubona ibyiza bahabwa na Leta nziza yahagaritse Jenoside ikagarura ubumwe mu Banyarwanda bose. Kuba rero nyuma y'imyaka 25 haboneka imibiri mu muringoti utarengeje cm 20 z'ubujyakuzimu, imibiri imwe n'imwe yarateweho urubingo, indi yarateweho insina, kandi buri gihembwe cy'ihinga aho hantu hahingwa, ariko abahahinga bakahabererekera kubera ko bazi ko harimo imibiri, bakabiceceka, kugeza aho bivuzwe n'umwana wari utaravuka muri jenoside; ndetse imibiri yamara kuboneka hakabaho inama zo kongera gukangurira abantu babonye ibyabaye kugaragaza ahandi haba hasigaye imibiri, ariko bakicecekera; birerekana ko iri Huriro ry'ubumwe n'ubwiyunge ryo mu Cyanika n'abaturage bose b'uyu Murenge n'aka

Karere muri rusange nubwo hari intambwe nziza mumaze gutera mu guhuriza hamwe mugafatanya mu iterambere; ariko ku bijyanye no kuvugisha ukuri no kubungabunga amateka ya jenoside haracyarimo intambwe mugomba gutera mukarenga ingengabitekerezo ya jenoside iri mu mateka twasobanuriwe, mugashyigikira ukuri n'icyubahiro gikwiye abatutsi bishwe nabi bazira uko bavutse. Icyo nicyo nifuje guheraho.

Icya kabiri ngira ngo mvuge ni ikirebana n'akamaro ko kubungabunga amateka ya Jenoside nkanagihuza n'ubutabera ku bakoze iki cyaha, bamwe muribo bagahungira mu mahanga kuko hari n'abayikoze hano bakaba barahunze.

Mpere ku kirebana no kubungabunga amateka ya Jenoside:

Komisiyo y'igihugu yo kurwanya jenoside, CNLG, nk'uko ibifite mu nshingano izakomeza kubungabunga amateka ya jenoside yakorewe abatutsi, cyane cyane hitabwa ku nzibutso zigashyirwamo amateka ku bufatanye n'Uturere n'izindi nzego. Niyo mpamvu mu Turere twose, hatangijwe igikorwa cyo kwandika amateka yaranze buri Karere, kugira ngo ibizavamo bizafashe mu kugaragaza amateka nyayo ya jenoside muri buri Karere no kuyabungabunga.

Ni muri urwo rwego kandi Leta ibinyujije muri CNLG yashyize imbaraga mu gikorwa cyo kugira ngo hagire inzibutso zimwe zishyirwa mu murage w'Isi ucungwa na UNESCO kugira ngo amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi azahore ari n'amateka y'isi yose kuko abafite uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi atari Abanyarwanda gusa, harimo n'abanyamahanga, kandi ni ukuva kera nkuko twabigaragarijwe mu kiganiro twahawe.

Niyo mpamvu Urwibutso rwa Jenoside rwa Murambi ruri muri aka Karere ka Nyamagabe kuri Km 6, uvuye hano mu Cyanika, rucungwa na CNLG, ubu ruri ku rwego rw'Igihugu, rukomeje gutunganywa haba mu kurwubaka no kubungabunga ku buryo bwa gihanga imibiri ihari kugira ngo ruzashyirwe ku rwego mpuzamahanga. Dosiye yashyikirijwe UNESCO muri 2018 turizera ko izagera ku cyo twifuza kugira ngo Jenoside yakorewe Abatutsi izahore ifite ibimenyetso bihoraho mu Rwanda no ku Isi bigaragaza uko yateguwe, uko yakozwe n'isomo Isi igomba kuvanamo.

Muri uko kubungabunga amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi, iyi Ntara y'Amajyepfo ndetse n'Iy'Uburengerazuba zifite igice cy'umwihariko wo kuba harabayemo ingabo z'abafaransa mu cyiswe « *operation Turquoise* », zahakambitse mu gihe cy'amezi abiri, Jenoside igakomeza muri aka gace mu gihe ahandi hose Ingabo za FPR-Inkotanyi zari zahabohoye, ziri mu bikorwa byo guhumuriza abaturage no kubaka igihugu. Muri ayo mezi, aka Karere karimo *Turquoise* kahuye n'ubukererwe bwatewe na *Turquoise* ndetse no kuba hari iyi myumvire ifitwe na bamwe yo guhinga hejuru y'abantu bishwe muri Jenoside, nta wabura kuvuga ko aya mateka yo kuba hano mu Cyanika ari hamwe mu habaye indiri y'Interahamwe mu gihe cya *Turquoise*, ari imwe mu mpamvu yatumwe imyumvire ya bamwe ikomeza gutinda guhinduka. Turabasaba dukomeje kwihuta mu mpinduka no mu myumvire ku bijyanye n'amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Ku birebana n'ubutabera bw'abateguye n'abakose Jenoside bagahungira mu mahanga, harimo na bamwe bakomoka hano mu Karere ka Nyamagabe, Leta y'u Rwanda ntizahwema gukora ibishoboka ngo abakoze jenoside bahanwe. Muzi ko Colonel Simba Aloys, umwe mu bayoboye Jenoside hano mu Cyanika, i Murambi, Kaduha, Kibeho n'ahandi muri Gikongoro yahanwe n'urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwa Arusha akatirwa igifungo cy'imyaka 25. Nubwo Urukiko rwamurekuye mu minsi ishize, Leta y'u Rwanda ntiyigeze ibyemera, ntiyabishyigikiye, twarabyanditse tubigeza ku Muryango w'Abibumbye ariko umucamanza Meron abirengaho aramurekura. Ariko nubwo Colonel Simba yarekuwe, hari ibintu byinshi atemerewe kuba yakora harimo ibya politiki, kandi no kuba icyaha cyaramuhamye bivuze ko azarinda apfa yitwa umujenosideri. Ntaho azabihungira.

N'abatarahanwa barimo uwari perefe wa Gikongoro Lawurenti Bucyibaruta wagize uruhare mu kwica abatutsi hano mu Cyanika, n'ahandi henshi muri Gikongoro, akaba yarahungiye mu Bufaransa, Leta y' U Rwanda yakoze ibishoboka kugira ngo Bucyibaruta agezwe imbere y'ubutabera. Nabamenyesha ko ubu Parike y'Ubufaransa yarangije dosiye ye, ifata icyemezo ko agomba kugezwa mu rukiko. Bucyibaruta yajuririye iki cyemezo cya parike mu buryo bwo kugira ngo atinze urubanza, ariko turizera ko mu gihe kitari azabazwa uruhare rwe mu iyicwa ry'abatutsi muri perefegitura ya Gikongoro yayoboraga, harimo n'abo yicishije hano mu Cyanika barimo Padiri Yozefu Niyomugabo n'abatutsi barenga ibihumbi 35.000 bari bahungiye mu mazu ya paruwasi ya Cyanika muri mata 1994 bakahicirwa.

Tuzanakomeza gukora ibishoboka kugira ngo abandi bantu batatu bari mu bateguye Jenoside muri Gikongoro barimo: Charles Munyaneza wari Burugumesitiri wa Komini Kinyamakara iri muri iyi paruwasi ya Cyanika, Emmanuel Nteziryayo wari burugumesitiri wa Komine Mudasomwa na Celestin Mutabaruka wayoboraga umushinga w'ubuhinzu wa Crete Zayire Nil, aha hose hakaba ari muri aka Karere ka Nyamagabe, abo bakaba barahungiye mu Bwongereza, tuzakomeza gukora ibishoboka byose kugira ngo bagezwe mu butabera.

Ibi kandi birareba n'abandi bicanyi bose bahunze igihugu bamaze kumena amaraso. Jenoside ni icyaha kidasaza, tuzakomeza gukorana n'ibihugu by'aho bahungiye kugira ngo baryozwe ibyaha bakoze.

Mu gusoza, ndagira ngo nshimangire ndangirize ku bireba iki gikowra cyatuzanye cyo gushyingura imibiri y'abacu yabonetse, mbabwira ko Leta y'u Rwanda itazakomeza kwihanganira abantu bose bagifite imyitwarire yo kwanga gutanga amakuru ku hantu hakiri imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi itarashyingurwa mu cyubahiro. Nibiba ngombwa amategeko azavugururwa ku buryo amategeko azatanga inzira zoroshye zituma abantu banze gutanga amakuru y'ahajugunywe imibiri bakurikiranwa ku buryo bwihuse kandi bakabihanirwa by'intangarugero. Iki ni ikibazo Leta itazakomeza kwihanganira.

Ndangije nongera kubihanganisha mwebwe mwese mufite abantu biciwe hano mu Cyanika by'umwihariko, ndetse no mu cyahoze ari Perefegitura ya Gikongoro muri rusange.

Mukomere.